

**ITEGEKO N° RYO KUWA LAW N° OF ON LOIN°DUSURL'ACCES
.....RYEREKEYE KUBONA ACCESS TO INFORMATION A L'INFORMATION
AMAKURU**

Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa
Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME PAUL,
Président de la République,

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE,
DUTANGAJE ITEGEKO RIKURIKIRA
KANDIDUTEGETSE KO RYANDIKWA
MU IGAZETI YA REPUBULIKA Y'U
RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND
WE SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE
PUBLISHED IN THE OFFICIAL
GAZETTE OF THE REPUBLIC OF
RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA
LOI SUIVANTE ET ORDONNONS
QU'ELLE SOIT PUBLIEE DANS LE
JOURNAL OFFICIEL DE LA
REPUBLIQUE DU RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa
..... 2009;

The Chamber of Deputies, in its session of
..... 2009;

La Chambre des Députés, lors de sa session du
..... 2009 ;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa
.....2009;

The Senate, in its session2009;

Le Sénat, lors de sa session du 2009;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika
y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko
ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu
ngingo zaryo, iya 34, 42, 182, 190 n'iya 200;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 04 June 2003, as amended to date,
especially in Articles 34, 42, 182, 190 and 200;

Conformément à la constitution de la
République du Rwanda du 04 juin 2003, telle
que modifiée jusqu'à ce jour, particulièrement
dans ses articles 34, 42, 182, 190 et 200;

Ishingiye ku itangazo Mpuzamahanga
ry'uburenganzira bw'Umuntu cyane cyane mu

Pursuant to the Universal Declaration of Human
Rights, especially in Article 19;

Conformément à la Déclaration Universelle des
Droits de l'Homme, particulièrement dans son

ngingo yaryo ya 19;

Article 19;

Ishingiyeye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu mibanire y'abaturage na politiki yo kuwa 16 Ukuboza 1966, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 19;

Pursuant to the International Covenant on Civil and Political Rights of 16 December 1966, especially in Article 19;

Conformément à la Convention Internationale sur les Droites Civiles et Politiques du 16 décembre 1966, particulièrement en son Article 19;

Ishingiyeye ku Masezerano Nyafurika yerekeye uburenganzira bw'Umuntu n'ubw'Abaturage yo kuwa 27 Kamena 1981, cyane cyane mu ngingo yayo ya 9;

Pursuant to the African Charter on Human and Peoples' Rights of 27 June 1981, especially in Article 9;

Conformément à la Charte Africaine sur les Droits de l'Homme et des Peuples du 27 juin 1981, particulièrement en son Article 9;

Yemera ko kubona amakuru ariwo musingi w'uruhare rw'abaturage, rw'imiyoborere myiza n'ubuyobozi bwa Leta bunozze;

Recognizing that access to information is a foundation for citizen participation, good governance and efficient public administration;

Admettant que l'accès à l'information constitue un fondement pour une participation des citoyens, une bonne gouvernance et une administration publique efficaces;

YEMEJE:

ADOPT:

ADOPTONS:

**INTERURO YA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

TITLE ONE: GENERAL PROVISIONS

**TITRE PREMIER: DES DISPOSITIONS
GÉNÉRALES**

Ingingo ya mbere: Intego y'iri tegeko

Article One: Purpose of this Law

Article 1: Objet de cette Loi

Iri tegeko rituma abaturage babona amakuru yo mu buyobozi bwite bwa Leta, mu bayobozi ba Leta no mu nzego zimwe z'ibigo byigenga kandi rishyiraho inzira n'uburyo biteza imbere iyandikwa n'ikwirakwizwa by'amakuru birangwa n'ibikorwa.

This Law enables the public to access information in the possession of the Government, public authorities and certain classes of private bodies and establishes systems and processes to promote proactive publication and dissemination of information.

Cette Loi permet au public d'accéder à l'information tenue par le gouvernement, les pouvoirs publics et certains collectifs d'organes privés et établit des systèmes et des processus de promotion de la publication et de la diffusion proactives d'information.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko amagambo akurikira asobanura ibi bikurikira:

1° “kubona amakuru”: hakubiyemo uburenganzira bwo gusuzuma, kureba, gusoma ku buryo burambuye, kugenzura, gufata urugero, kwandukura cyangwa kubona amakuru ayo riyo yose;

2° “amakuru”: amakuru ayo ari yo yose, harimo na za raporo, inyandiko, inyandiko z'amatangazo, za imeli, ibitekerezo, inama, amatangazo yagenewe abanyamakuru, amabwiriza, amateka n'ibyemezo, ibitabo bya za gahunda z'akazi, amasezerano, za raporo, ibinyamakuru, ingero, ubwose bwose bw'amakuru abitswe mu buryo bw'ikoranabuhanga, kimwe n'amakuru yose yerekeye ikigo cyigenga icyo ari cyo cyose gishobora kugishwa inama n'urwego rwa Leta, nk'uko biteganywa n'itegeko iryo ari ryo ryose rikurikizwa ubu;

3° "Minisitiri": Minisitiri ufite ibyerekeye amakuru mu nshingano ze ubu;

4° “ikigo cyigenga”: ikigo kitari urwego rwa Leta, ariko gikora akazi ako ariko kose, gikora umwuga w'ubucuruzi cyangwa umurimo wa

Article 2: Definitions of terms

In this Law, the following terms shall be defined as follows:

1° "access to information": includes the right to examine, to look at, peruse, inspect, take a sample of, copy or procure any information;

2° “information”: any material in any form, including records, documents, memos, e-mails, opinions, advices, press releases, circulars, orders, logbooks, contracts, reports, papers, samples, models, data material held in any electronic form and information relating to any private body which can be accessed by a public authority under any Law for the time being in force;

3° "Minister": the Minister for the time being responsible for matters relating to information;

4° “private body”: a body that is not a public authority but that carries on any trade, business profession or function of a public nature;

Article 2: Définitions des termes

Les termes suivants de cette Loi sont définis comme suit:

1° "accès à l'information": inclut le droit d'examiner, de regarder, de lire attentivement, de vérifier, de prendre un échantillon, de copier ou d'obtenir n'importe quelle information;

2° "information": tout matériel de quelque forme qu'il soit, y compris compte-rendu, documents, notes, e-mails, opinions, conseils, communiqués de presse, circulaires, ordres, registres, contrats, rapports, journaux, échantillons, modèles, toutes sortes de données électroniques, ainsi que toute information relative à n'importe quel organe privé pouvant être consulté par un service public, en vertu de la Loi actuellement en vigueur;

3° "ministre": Ministre actuellement responsable des questions relatives à l'information;

4° "organe privé": organe différent d'un service public, mais menant toute sorte d'affaires, exerçant une profession commerciale ou une fonction publique;

Leta;

5° "urwego rwa Leta": harimo

- (a) Perezida wa Repubulika n'abakozi ba Perezida wa Repubulika;
- (b) Inteko Ishinga Amategeko; harimo Abadepite n'Abasenateri na za biro z'imitwe yombi - uw' Abadepite n'uw' Abasenateri;
- (c) Urwego rw'Ubucamanza;
- (d) Minisitiri zose za Leta, inzego cyangwa amashami bya Guverinoma mu nzego zose;
- (e) urwego urwo arirwo rwose rwashyizweho n'Itegeko Nshinga, cyangwa n'ububasha bwa Perezida wa Repubulika, cyangwa n'Itegeko Ngenga, cyangwa Itegeko Risanzwe cyangwa Itegeko-Teka cyangwa Iteka cyangwa rwashyizweho ku bundi buryo ubwo aribwo bwose na Minisitiri wa Guverinoma cyangwa n'urwego rwa Guverinoma cyangwa urwego rwa Leta; cyangwa ruhabwa igice icyo aricyo cyose cy'umutungo warwo ku buryo butaziguye mu mafaranga atanzwe n'Inteko Ishinga Amategeko cyangwa amafaranga akatwa byemejwe n'inyandiko mpamo, cyangwa ibihembo, cyangwa amafaranga

5° "public authority": includes:

- (a) the President of the Republic and the staff of the President of the Republic;
- (b) the Parliament; including the Deputies and the Senators and the bureaux of both the Chamber of Deputies and the Senate;
- (c) the Judiciary;
- (d) all Government ministries, departments or agencies at all levels of Government;
- (e) any body which is established by the Constitution or by virtue of the powers of the President of the Republic or by or under an Organic Law or Ordinary Law or Decree-Law or an Order or which is established in any other way by a Minister of the Government or by a Government department or public authority; or receives any part of its revenues directly from money provided by Parliament or from a levy authorized by an enactment or fee or charge of any other description so authorized;

5° "service public": service impliquant:

- (a) le Président de la République et le personnel du Président de la République;
- (b) le Parlement: y compris les Députés et les Sénateurs, ainsi que les bureaux de la Chambre des Députés et du Sénat;
- (c) le Système Judiciaire;
- (d) tous les ministères, départements ou agences gouvernementaux, à tous les échelons du Gouvernement;
- (e) tout organe établi par la Constitution, ou en vertu des pouvoirs du Président de la République, ou par, ou en vertu d'une Loi Organique ou d'une Loi Ordinaire, ou d'un Décret-loi, ou d'une Ordonnance, ou établi de toute autre manière par un Ministre du Gouvernement, ou par un service gouvernemental, ou un service public, ou recevant une partie de ses revenus directement des fonds fournis par le Parlement, ou d'un prélèvement autorisé par une promulgation, ou des honoraires, ou de toute autre origine autorisée;

<p>yishyuwe ku bundi buryo ubwo aribwo bwose bwemewe;</p> <p>(f) urwego urwo arirwo rwose cyangwa ubuyobozi bishobora kungenzurwa n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta;</p> <p>(g) isosiyete yegamiye kuri Leta;</p> <p>(h) komisiyo y'iperereza;</p> <p>(i) ubuyobozi bw'ibanze bwose;</p> <p>(j) urundi rwego urwo arirwo rwose cyangwa ubuyobozi ubwo ari bwo bwose Minisitiri yagize urwego rwa Leta, hubahirijwe iri tegeko.</p>	<p>(f) any body or authority subject to examination by the Auditor-General of State Finances;</p> <p>(g) a parastatal;</p> <p>(h) a commission of inquiry;</p> <p>(i) all local authorities;</p> <p>(j) any other body or authority designated by the Minister as a public authority for purposes of this Law.</p>	<p>(f) tout organe ou autorité pouvant être contrôlé par l'Auditeur Général des Finances de l'Etat;</p> <p>(g) une entreprise parastatale;</p> <p>(h) une commission d'enquête;</p> <p>(i) toutes les autorités locales;</p> <p>(j) tout autre organe ou autorité désignée par le Ministre comme service public aux fins de cette Loi.</p>
<p>6° “umukozi wa Leta ushinzwe amakuru”: umuntu ushyizweho, ugizwe cyangwa ufatwa nk’umukozi wa Leta ushinzwe amakuru hubahirijwe iri tegeko;</p>	<p>6° “public information officer”: a person appointed, designated or deemed to be a public information officer under this Law;</p>	<p>6° "préposé du gouvernement à l'information": une personne nommée, désignée ou jugée être un préposé du gouvernement à l'information, en vertu de cette loi;</p>
<p>7° “umukozi wa Leta”: umuntu wese ukora mu buyozi bwa Leta.</p>	<p>7° “public officer”: a person in the employment of a public authority.</p>	<p>7° "fonctionnaire de l'Etat": toute personne travaillant dans un service public.</p>
<p>8° “amakuru abitswe”: hakubiyemo amakuru yose yafashwe, hatitaweho imiterere yayo, inkomoko yayo, itariki yakoreweho, niba yemewe n’amategeko, ko yakozwe n’ikigo kiyafite, ko abitswe cyangwa atabitswe.</p>	<p>8° “record”: includes any recorded information, regardless of its form, source, date of creation, or official status, whether or not it was created by the body that holds it and whether or not it is classified.</p>	<p>8° "enregistrement": inclut toute information enregistrée, indépendamment de sa forme, de sa source, de sa date de création, ou de son statut officiel, s'elle a été créée par l'organe qui la détient, s'elle est classée ou non.</p>
<p>Hubahirijwe iri tegeko, urwego rwa Leta cyangwa rwigenga rufata amakuru iyo:</p>	<p>For the purposes of this Law, a public or private body holds a record if:</p>	<p>Aux fins de cette loi, un organe public ou privé possède des enregistrements si:</p>

1° urwego rwa Leta cyangwa rwigenga rufata amakuru, atari mu izina ry'undi muntu; cyangwa

1° the public or private body holds the record, other than on behalf of another person; or

1° l'organe public ou privé possède des enregistrements, autrement qu'au nom d'une autre personne; ou

2° undi muntu afata amakuru, mu izina ry' urwego rwa Leta cyangwa rwigenga.

2° another person holds the record, on behalf of the public or private body.

2° une autre personne détient des enregistrements au nom d'un organe public ou privé.

INTERURO YA II: UBURENGANZIRA KU MAKURU

Ingingo ya 3: Intego z'iri tegeko

Iri tegeko rifite intego zikurikira:

- 1° kwimakaza ukudaheza kwa guverinoma mu itangazamakuru ryuzuye;
- 2° kworohereza abantu bose uburenganzira bwo kubona amakuru afitwe n'inzego za leta no gutuma zirangwa n'ibikorwa mu kwandika no kugeza amakuru ku baturage mu buryo bubafitiye akamaro kandi himakajwe inyungu zabo muri rusange;

TITLE II: RIGHT TO INFORMATION

Article 3: Objects of this Law

The objects of this Law are to:

- 1° promote open government through maximum disclosure of information;
- 2° facilitate the right of all persons to have access to information held by public authorities and to require that public authorities proactively publish and disseminate information to the public in a useful form and manner in order to further the public interest generally;

TITRE II: DU DROIT À L'INFORMATION

Article 3: Objet de cette Loi

L'objet de cette Loi est le suivant:

- 1° promouvoir l'ouverture du gouvernement □ travers une révélation totale de l'information;
- 2° consolider le droit de toute personne humaine afin d'accéder à l'information tenue par des services publics et leur demander la publication et la diffusion proactives de l'information en faveur du public sous forme et de façon utile afin de promouvoir l'intérêt public en général;
- 3° promouvoir une plus grande participation des

- | | | |
|--|--|--|
| 3° kwimakaza uruhare runini rw'ubutegetsi bwa leta mu buryo bwa demokarasi n'iterambere; | 3° promote public participation in democratic and development processes; | pouvoirs publics aux processus démocratiques et de développement; |
| 4° guteza imbere uburyozwe bw'inzego za leta n'ubw'ibigo byigenga kurushaho; | 4° promote greater accountability of public authorities and private bodies; | 4° promouvoir une plus grande responsabilité des services publics et des organes privés; |
| 5° guteza imbere impaka zinoze zishingiye ku makuru n'ihanabitekerezo ryisanzuye; | 5° promote better informed discussions and the free interchange of opinions; | 5° promouvoir de meilleures discussions renseignées et des échanges libres d'opinions; |
| 6° gutuma abantu bashobora kubona amakuru afitwe n'ibigo byigenga mu gihe ayo makuru ari ngombwa kugirango hubahirizwe cyangwa harengerwe uburenganzira cyangwa ubwisanzure bwemewe n'Itegeko Nshinga cyangwa n'irindi tegeko iryo ariryo ryose; | 6° enable persons to have access to information held by private bodies where that information is necessary for the enforcement or protection of any right or freedom recognized under the Constitution or any other Law; | 6° permettre à toute personne d'accéder à l'information tenue par les organes privés partout où cette information est nécessaire pour l'application ou la protection de n'importe quel droit ou de n'importe quelle liberté reconnus par la Constitution ou par toute autre Loi; |
| 7° kworoshya no gushyigikira ihanamakuru ku buryo bwihuse kandi buhendutse; | 7° facilitate and encourage the disclosure of information, promptly and at the lowest reasonable cost; | 7° faciliter et encourager la publication rapide d'information à un coût le plus modestement bas; |
| 8° gufasha abantu babona amakuru afitwe n'inzego za leta ku bibazo byabo bakanamenya niba ari ari ukuri; | 8° enable individuals to see information held by public authorities about their affairs and to ensure that it is accurate; | 8° permettre à toute personne physique d'obtenir l'information tenue par les services publics au sujet de leurs affaires et s'assurer de leur précision; |
| 9° guteza imbere buhoro buhoro ubwisanzure bwuzuye bwo kubona amakuru. | 9° progressively promote the full realization of the freedom of information. | 9° promouvoir progressivement la réalisation totale de la liberté d'information. |

Article 4: Du Droit à l'information

Ingingo ya 4: Uburenganzira ku makuru

Buri muntu afite uburenganzira bwo kubona amakuru afitwe cyangwa azenzurwa n'urwego rwa leta.

Muri iri tegeko ntacyabuza cyangwa ngo kivitse ikwirakwizwa ry'amakuru cyangwa uburenganzira bwo kubona amakuru, hashingiwe ku rindi tegeko iryo ariryo ryose, politiki cyangwa imikorere.

Uburenganzira bwo kubona amakuru bukubiyemo uburenganzira bwo:

1° gusoma ibitabo, inyandiko cyangwa amadosiye;

2° gufata inyandiko, amabango y'inyandiko cyangwa kopi ziriho umukono wa Noteri cyangwa amadosiye;

3° gufata ingero ziriho umukono wa noteri z'inyandiko runaka; cyangwa

4° kubona amakuru kuri disiketi, bande, kaseti, kaseti videwo cyangwa ku bundi buryo ubwo aribwo bwose bw'ikoranabuhanga cyangwa mu nyandiko zicapwe ziriho amakuru nk'abitswe muri mudasobwa cyangwa ikindi kintu icyo ari cyo cyose.

Article 4: Right to information

Every person has the right to access information held or under the control of a public authority.

Nothing in this Law limits or otherwise restricts the disclosure of, or the right to access information pursuant to any other law, policy or practice.

The right to access information includes the right to:

1° inspect works, documents or records;

2° take notes, extracts or certified copies of documents or records;

3° take certified samples of material; or

4° obtain information in the form of diskettes, floppies, tapes, video cassettes or in any other electronic mode or through print-outs where such information is stored in a computer or

Chaque personne a le droit d'accéder à l'information tenue ou contrôlée par un service public.

Rien, dans les limites de cette Loi, ou autrement, ne limite la révélation de l'information, ou le droit d'y accéder, conformément à n'importe quelle autre loi, politique ou pratique.

Le droit d'accéder à l'information implique le droit de:

1° consulter les travaux, les documents ou les dossiers;

2° prendre des notes, des extraits ou des copies certifiées des documents ou **des dossiers;**

3° prélever des échantillons certifiés d'un matériel donné; ou

4° obtenir l'information sur disquettes, bandes, cassettes vidéo, ou par n'importe quel autre mode électronique, ou par des imprimés sur lesquels une telle information est stockée dans un ordinateur, ou dans n'importe quel autre dispositif.

Article 5: Information non fiable

Ingingo ya 5: Amakuru atizerwa

Hatirengagijwe ingingo ya 4, amakuru akurikira muri iri tegeko, asobanuwe muri aya magambo: “amakuru atizerwa”, ashobora kudatangazwa n’urwego rwa leta cyangwa n’ikigo cyigenga kirebwa n’iri tegeko, iyo itangazwa ry’ayo makuru rishobora:

1° guhungabanya cyane umutekano w’igihugu w’u Rwanda;

2° kubangamira inzira za ngombwa z’amategeko cyangwa ibikenewe n’ubutabera;

3° gutera ukwivanga nta mpamvu mu buzima bwite bw’umuntu;

4° igihe ribaye ku makuru y’ubucuruzi y’ibanga yerekeye urwego rwa leta cyangwa ikigo cyigenga kirebwa n’iri tegeko, kutubahiriza ukurindwa kwemewe n’amategeko kw’amabanga y’akazi cyangwa ubundi burenganzira bw’umutungo w’ubwenge burindwa n’itegeko, bw’ubwo buyobozi cyangwa ikigo cyigenga;

5° kubangamira umwanya w’umuyobozi wa leta mu gihe cy’ikurikinwa n’ubutabera nyakuri cyangwa riteganyijwe.

in any other device.

Article 5: Exempt information

Notwithstanding Article 4, information, hereinafter in this Law referred to as “exempt information” may be withheld by a public authority or a private body to which this Law applies where disclosure of such information would:

1° cause serious harm to the national security of Rwanda;

2° impede the due process of law or the ends of justice;

3° involve the unwarranted invasion of the privacy of an individual;

4° by disclosing commercially confidential information relating to a public authority or a private body to which this Law applies; violate the legitimate protection of trade secrets or other intellectual property right protected by law, of such authority or private body;

5° damage a public authority’s position in any actual or contemplated legal proceedings.

Malgré les dispositions de l'Article 4, l'information ci-après, dans cette Loi désignée sous le nom d'"information non fiable", peut être tenue par un service public ou par un organe privé auxquels cette Loi est applicable, où la publication d'une telle information:

1° porterait sérieusement atteinte à la sécurité nationale du Rwanda;

2° entraverait le processus légal nécessaire ou les causes de la justice;

3° impliquerait l'immixtion injustifiée dans l'intimité d'un individu ;

4° en publiant l'information commerciale confidentielle relative a un service public ou un organe privé auxquels cette Loi s'applique; violerait la protection légitime des secrets commerciaux ou de toute autre droit de propriété intellectuelle protégé par la Loi, d'une telle autorité ou d'un tel organe privé;

5° porterait préjudice à la position d'une autorité publique lors des poursuites judiciaires réelles ou envisagées.

Hakurikijwe iyi ngingo, Minisitiri agishije inama Umuvunyi, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu na Minisitiri ufite mu nshingano ze ibyerekeye umutekano w'igihugu, agomba, yubahirije amabwiriza mpuzamahanga akurikizwa, gutegura amabwiriza cyangwa iteka rya minisitiri kugira ngo hagenwe igihe amakuru yaba intandaro ikomeye yo guhungabanya umutekano w'igihugu cy'u Rwanda.

Hatirengagijwe ibiteganywa n'iyi ngingo, urwego rwa leta cyangwa ikigo cyigenga kirebwa n'iri tegeko kigomba kumenyekanisha amakuru mu gihe inyungu z'abaturage mu itangazwa ry'amakuru zisumbya uburemere inyungu zirengerwa.

Hashingiwe ku bigize inyungu z'abaturage, by'umwihariko hagomba kwitabwaho:

1°uguteza imbere kw'inshingano y'inzego za leta yo gusobamurira abaturage ibyo zikora;

2°kumenya niba imikoreshereze y'imari ya leta icungwa neza;

3°kwimakaza ibiganiro-mpaka bifite ireme;

For the purposes of this Article, the Minister in consultation with the Ombudsman, the National Commission for Human Rights and the Minister responsible for matters relating to national security shall, having regard to applicable international standards, develop guidelines or a ministerial decree for determining when information would cause serious harm to the national security of Rwanda.

Notwithstanding anything in this Article, a public authority or a private body to which this Law applies shall disclose information where the public interest in disclosure outweighs the harm to protected interests.

In considering what constitutes the public interest, particular regard shall be had to the need to:

1° promote accountability of public authorities to the public;

2° ensure that the expenditure of public funds is subject to effective oversight;

3° promote informed public debate;

Aux fins de cet article, le Ministre, en consultation avec le Médiateur, la Commission Nationale des Droits de l'Homme et le Ministre responsable des questions relatives à la sécurité nationale peut, au regard des normes internationales applicables, préparer des directives ou un décret ministériel afin de déterminer le moment où l'information porterait atteinte à la sécurité nationale du Rwanda.

Malgré toutes les dispositions de cet Article, un service public ou un organe privé auxquels cette loi est applicable peut publier une information quand les questions d'intérêt public révélées l'emportent sur les intérêts protégés.

En considérant tous les éléments constituant l'intérêt public, un regard particulier sera portée sur le besoin de:

1° promouvoir la responsabilité des services publics à l'égard du public;

2° s'assurer que les dépenses des fonds publics sont sujettes à un contrôle efficace ;

3° promouvoir des débats publics fondés;

4° informer suffisamment le public au sujet de

4°kumenyesha bihagije abaturage ibyago byose byugarije ubuzima bwabo, umutekano cyangwa ibidukikije; no

5°kumenya niba ubuyobozi bwemewe n'amategeko ubwo aribwo bwose bufite inshingano zo kuyobora bwuzuzaba inshingano zabwo uko bikwiye.

Keretse iyo hari ibinyuraniye byemejwe n'urwego rwa leta, amakuru afatwa nk' atizerwa iyo amaze imyaka isaga mirongo itatu.

Iyo amakuru yasabwe yerekeye amakuru abitswe agizwe n'igice gusa cy'amakuru atizewe, hakurikijwe iyi ngingo, igihe cyose ayo amakuru atizewe, umuntu wayasabye amenyeshwa niba ashobora kuvanwa mu yandi makuru.

Ingingo ya 6: Itangaza ry'amakuruafite akamaro

Urwego rwa leta, iyo bishoboka, ariko bitarenze amezi atandatu(6) nyuma y'uko iri tegeko ritangarijwe, rushobora gutangaza no guhuza

4° keep the public adequately informed about the existence of any danger to public health or safety or to the environment; and

5° ensure that any statutory authority with regulatory responsibilities is adequately discharging its functions.

Unless the contrary is proved by a public authority, information is presumed not to be exempt if the information is more than thirty years old.

If a request for information relates to a record containing information part only of which, in terms of this Article is exempt information, so much of the information as is not exempt information shall, to the extent that it may reasonably be severed from the rest of the information, be communicated to the person requesting it.

Article 6: Proactive disclosure

A public authority shall as soon as practicable, but not later than six (6) months after the

tous les dangers qui guettent la santé publique, la sécurité ou l'environnement; et

5° s'assurer que toute autorité statutaire ayant des responsabilités de réglementation assume correctement ses fonctions.

À moins que le contraire ne soit prouvé par un service public, l'information est supposée ne pas être fiable s'elle est vieille de plus de trente ans.

Si une demande d'information relative à un enregistrement qui renferme une information dont une partie est seulement non fiable, au titre de cet Article, elle sera logiquement éliminée du reste de l'information et communiquée à la personne qui la demande.

Article 6: Publication proactive de l'information

Des que faisable, une autorité publique peut, dans une période de six (6) mois après la promulgation de cette Loi, publier et mettre à jour, à intervalles pouvant être précisés par le

n'igihe tugezemo, mu bihe Umuvunyi ashobora gusobanura:

- 1° amakuru yerekeye ikigo cya rwo, imirimo n'inshingano zacyo;
- 2° ububasha n'inshingano by'abaruyobora n'abakozi barwo;
- 3° uburyo bukurikizwa hafatwa ibyemezo, hakubiyemo n'inzego z'ubugenzuzi n'imurikabikorwa;
- 4° amabwiriza ayo ariyo yose akoreshwa n'urwego rwa leta ajyanye n'ibyo rukorana n'abatwariye cyangwa n'amasosiyete, hakubiyemo n'amategeko, amabwiriza ngengamikorere, ibitabo n'amadosiye, rufite cyangwa rucunga cyangwa bikorwa n'abakozi barwo kugira ngo rurangize imirimo yarwo;
- 5° amabwiriza ahagije atuma umuntu uwo ariwe wese wifuzaga gusaba amakuru nk'uko biteganywa n'iri tegeko agaragaza inzego z'amakuru rugira, ibyerekereweho

commencement of this Law, publish and thereafter update at such intervals as the Ombudsman may prescribe:

- 1° the particulars of its organization, functions and duties;
- 2° the powers and duties of its officers and employees;
- 3° the procedure followed in the decision making process, including channels of supervision and accountability;
- 4° any guidance used by the authority in relation to its dealings with the public or with corporate bodies, including the rules, regulations, instructions, manuals and records, held by it or under its control or used by its employees for discharging its functions;
- 5° a guide sufficient to enable any person wishing to apply for information under this Law to identify the classes of information held by it, the subjects to

Médiateur:

- 1° les renseignements relatifs à son organisation, y compris ses fonctions et ses responsabilités;
- 2° les pouvoirs et les fonctions de ses dirigeants et employés;
- 3° la procédure suivie dans le processus de prise de décisions, y compris les réseaux de surveillance et de responsabilité;
- 4° toute directive utilisée par un service public en relations commerciales avec le public ou avec les sociétés, y compris les règles, règlements, instructions, manuels et dossiers et tenue ou contrôlée par ce service ou utilisé par ses employés en vue de remplir leurs fonctions;
- 5° un guide adéquat permettant à toute personne souhaitant faire une demande d'information en vertu de cette Loi d'identifier les différents degrés d'information qu'elle renferme, les sujets qui s'y rattachent et la localisation de tous les index à consulter;

- n'ayo makuru n'aho amashakiro ayo ariyo yose arebwamo n'umuntu uwo ariwe wese aherereye;
- 6° Ibisobanuro by'amasezerano ayo ariyo yose ariho yerekeye ubugishanama mu baturage cyangwa uguhagararirwa nabo mu byerekeye ishyirwaho rya politiki cyangwa ishyirwa mu bikorwa ry'iyi politiki;
- 7° amatangazo y'inyinama z'ubuyobozi, aya za nyinama, aya za komite n'ayizindi nzego zigizwe n'abantu babiri cyangwa barenze zigize urwo rwego rwa Leta cyangwa zigamije kurugira inama hakoreshejwe amakuru mu gihe inteko z'izo nama z'ubuyobozi, z'izo nama, z'izo komite n'izindi nzego zidaheza abatwura cyangwa za raporo zazo zigera ku baturage;
- 8° igitabo cy'ururonde rwa numero za telefone z'abayobozi n'abakozi b'urwo rwego;
- 9° ingengo y'imari yagenewe buri shami ry'urwego rwa Leta, igaragaza ibisobanuro bya za gahunda zose, amafaranga ateganywa
- which they relate and the location of any indexes to be consulted by any person;
- 6° the particulars of any arrangement that exists for consultation with, or representation by, the members of the public in relation to the formulation of its policy or implementation thereof;
- 7° a statement of the boards, councils, committees and other bodies consisting of two or more persons constituted as its part or for the purpose of advising it with information as to whether meetings of those boards, councils, committees and other bodies are open to the public, or the minutes of such meetings are accessible to the public;
- 8° a directory of its officers and employees;
- 9° the budget allocated to each of its agencies, indicating the particulars of
- 6° les détails de tout arrangement existant relatif à la consultation par le public ou sa représentation, par rapport à la formulation ou l'exécution de sa politique;
- 7° les déclarations des conseils d'administration, des conseils, des comités ainsi que d'autres organes composées de deux ou de plusieurs membres qui en font partie intégrante dans le but de les conseiller en matière d'information quant à l'ouverture au public ou non des réunions de ces commissions, conseils, comités et autres organes, ou à l'accessibilité du public aux comptes rendus des telles réunions;
- 8° un annuaire téléphonique de ses dirigeants et employés;
- 9° le budget alloué à chacune de ses agences, indiquant les détails de tous les plans, les dépenses proposées et les rapports sur des déboursés effectués;

kuzakoreshwa na za raporo zerekana uburyo amafaranga yasohotse;	all plans, proposed expenditures and reports on disbursements made;	10° le mode d'exécution des programmes de subvention, y compris les montants alloués et les détails relatifs aux bénéficiaires de ces programmes;
10° uburyo gahunda z'imfashanyo zashyizwe mu bikorwa harimo n'umubare w'amafaranga yatanzwe hamwe n'ibisobanuro byerekeye abagenerwabikorwa b'izo gahunda;	10° the manner of execution of subsidy programmes, including the amounts allocated and the details of beneficiaries of such programmes;	11° les détails des concessions, des permis ou autorisations accordées par lui;
11° impapuro z'ibikingi, by'impushya n'uburenganzira byatanzwe n'urwego rwa Leta;	11° particulars of concessions, permits or authorizations granted by it;	12° les détails des équipements disponibles pour les citoyens afin d'obtenir les informations, y compris les heures de travail des bibliothèques ou des salles de lecture à l'usage public;
12° ibisobanuro by'ibyangombwa bihari byorohera abaturage kubona amakuru, harimo amasaha y'akazi y'inzu z'ibitabo bitizwa cyangwa ibyumba by'isomero, niba byaragenewe gukoreshwa n'abaturage;	12° the particulars of facilities available to citizens for obtaining information, including the working hours of a library or reading room, if maintained for public use;	13° les noms, titres, contacts détaillés et autres renseignements sur les agents publics d'information, les autorités d'appel, ainsi que les détails et coordonnées du Médiateur;
13° amazina, urwego by'abashinzwe amakuru muri Leta n'aho babarizwa, n'abayobozi b'urukiko rw'ubujurire, ubuyobozi bw'inyandiko mpamo, ibiranga Umuvunyi n'ibisobanuro bimwerekeye;	13° the names, designations, contact details and other particulars of its public information officers, appellate authorities and the particulars and contact details of the Ombudsman;	14° toute autre information décidée par le Ministre;
14° andi makuru ashobora kwemezwa na Minisitiri ;	14° such other information as may be prescribed by the Minister;	Chaque service public prend des mesures conformes aux dispositions de cet Article en ce qui concerne la mise à disposition proactive de l'information au public, à intervalles réguliers, à
Buri rwego rwa Leta rufata ibyemezo hakurikijwe ibisabwa n'iyi ngingo kugirango abaturage bahabwe amakuru ya buri gihe afite	Every public authority shall take steps in accordance with the requirements of this Article	

akamaro mu bitangazamakuru binyuranye by'itumanaho.

Ibikoresho biteganywa muri iyi ngingo bigomba kuboneka ku rugero ruringaniye:

- 1° kugira ngo bigenzurwe n'umuntu uwo ari we wese nta kiguzi;
- 2° hahabwa kopi umuntu uwo ari we wese ubisabye, imaze kwishyurwa ku giciro giciriritse, gikubiyemo amafaranga yo kuyikora no kuyitanga iyo bishobotse; no
- 3° ku rubuga rwa interineti, iyo ibikoresho bifitwe n'ubuyobozi mu buryo bw'ikoranabuhanga.

INTERURO YA III: ISABWA RY'AMAKURU NO KUYABONA

Ingingo ya 7: Abashinzwe amakuru muri Leta

Urwego rwa Leta rushyiraho ushinzwe amakuru muri Leta kuri buri rwego cyangwa ishami ku rwego rwa buri Intara, Akarere, imijyi minini n'imito, utugari n'imirenge kugira ngo rushobore kugeza amakuru ku bantu bayasaba

to provide information proactively to the public at regular intervals through various media of communication.

At a minimum, the material referred to in this Article shall be made available:

- 1° for inspection by any person without charge;
- 2° by supplying a copy to any person on request for which a reasonable charge to cover the costs of copying and supplying them may be made, and
- 3° on the Internet, if the materials are held by the authority in electronic form.

TITLE III: APPLICATIONS AND ACCESS TO INFORMATION

Article 7: Public Information Officers

A public authority shall appoint or designate a public information officer for each of its departments or units at the provincial, district,

travers les divers médias de communication.

Au minimum, le matériel spécifié dans cet Article sera disponibilisé:

- 1° pour consultation gratuite par toute personne qui le désire;
- 2° en fournissant, sur demande, une copie à toute personne qui la désire, à des frais raisonnables, pour couvrir les coûts de copie et de livraison éventuelles; et
- 3° sur Internet, si les matériaux se trouvent en possession d'une autorité sous forme électronique.

TITRE III : DEMANDE D'INFORMATION ET ACCÈS À CELLE-CI

Article 7: Agents Publics d'Information

Un service public nomme ou désigne un agent public d'information pour chacun de ses départements ou unités, aux niveaux des provinces, districts, villes, municipalités, et secteurs, pour lui permettre de fournir des informations aux personnes qui les demandent

hakurikijwe iri tegeko.

Kubera impamvu iyo ariyo yose, iyo urwego rwa Leta rutashyizeho umukozi wa Leta ushinzwe amakuru, umuyobozi w'urwego rwa Leta, mu rwego rwo kubahiriza iri tegeko, ni we uba umukozi ushinzwe amakuru muri urwo rwego.

Umukozi wa Leta ushinzwe amakuru niwe ushinzwe kubazwa no gutanga amakuru mu rwego rwa Leta, ni nawe usuzuma ibibazo by'abatwari bashakira amakuru aturutse mu rwego rwa Leta kandi niwe ukora ibishoboka kugira ngo afashe umuntu uwo ari we wese ukeneye guhabwa uburenganzira ubwo ari bwo bwose nk'uko biteganijwe muri iri tegeko.

Umukozi wa Leta ushinzwe amakuru azaba ari ku rwego rushyitse mu rwego rwa Leta kugira ngo agire ububasha bwo gufata ibyemezo ashinzwe mu bijyanye no gutangaza amakuru nk'uko bitegenywa n'iri tegeko.

Buri mukozi wa Leta agomba gufasha umuntu wifuzaga amakuru nk'uko biteganijwe n'iri tegeko, kandi nta mukozi wa Leta ushobora kwanga kwakira isabwari ry'amakuru yitwajwe gusa ko atari umukozi ushinzwe amakuru ya

city, municipality, towns and sector levels to enable it to provide information to persons requesting information under this Law.

Where for any reason, a public authority has not appointed or designated a public information officer, the head of the public authority shall for purposes of this Law be deemed to be the public information officer of that public authority.

A public information officer shall be the principal contact person within a public authority to deal with requests from persons seeking information from the public authority and shall take all reasonable steps to assist any person seeking to exercise any right under this Law.

A public information officer shall be of sufficient rank within the public authority to be empowered to make binding decisions in relation to information disclosure under this Law.

Every public officer shall assist a person seeking information under this Law and no public officer may refuse to receive a request for information on the ground only that the

en vertu de cette Loi.

Si, pour une raison quelconque, un service public n'a pas nommé ou désigné un agent public d'information, le chef de ce service public, en vertu de cette Loi, sera considéré comme agent public d'information de ce service public même.

L'agent public d'information est la personne principale de contact au sein d'un service public habilité à traiter les demandes d'information au niveau d'un service public et à prendre toutes les dispositions légitimes afin d'aider toute personne voulant exercer son droit en vertu de cette Loi.

Un agent public d'information occupe une position élevée au sein du service public afin de disposer des pleins pouvoirs de prendre des décisions obligatoires en relation avec la publication de l'information en vertu de cette Loi.

Chaque dirigeant fournit une assistance à toute personne qui demande une information en vertu de cette Loi, et aucun dirigeant ne peut décliner une demande d'information uniquement par ce qu'il n'est pas agent public d'information.

Leta. Undi mukozi wa Leta utari umukozi ushinzwe amakuru ya Leta usabwe amakuru, agomba kohereza uyasabye ku mukozi wa Leta ushinzwe amakuru, kandi niba uwo mukozi adahise aboneka, niwe wakira icyo kibazo agatanga inyandiko ibyemeza yerekana kuri iyo nyandiko amazina n'umwirondoro by'umukozi wa Leta anerekana ko iyo dosiye izashyikirizwa ubishinzwe.

Hatirengagijwe indi ngingo iyo ariyo yose iteganywa n'iri tegeko, umukozi ushinzwe ubuyobozi mu mashami y'ubuyobozi akurikira asanzwe ariho cyangwa yashyizweho n'itegeko iryo ariryo ryose, niwe mukozi ushinzwe amakuru wa Leta hubahirijwe iri tegeko:

- | | |
|----|----------------|
| 1° | Umurenge; |
| 2° | Umujyi muto; |
| 3° | minisipalite |
| 4° | Umujyi munini; |
| 5° | Akarere; n' |
| 6° | Intara |

Ingingo ya 8: Gutanga amadosiye

Idosiye isaba amakuru igomba kuba mu rurimi urwo ari rwo rwose mu ndimi zemewe

public officer is not a public information officer.

A public officer other than a public information officer to whom a request for information is made, shall refer the person seeking information to a public information officer, and if no such officer is immediately available, shall receive the request and issue a receipt, indicating on the receipt the public officer's name and designation and that the request is to be forwarded to the appropriate public information officer.

Notwithstanding any other provision in this Law the administrative officer responsible for the following administrative units as existing or as established under any Law shall be a public information officer for purposes of this Law:

- | | |
|----|-----------------|
| 1° | a sector; |
| 2° | a town; |
| 3° | a municipality; |
| 4° | a city; |
| 5° | a district; and |
| 6° | a province |

Article 8: Submission of applications

An application for access to information shall

Un dirigeant, autre qu'un agent public d'information, à qui une demande d'information est adressée, oriente la personne cherchant l'information vers l'agent public d'information et, si cet agent n'est pas immédiatement disponible, il reçoit la demande et délivre un accusé de réception indiquant le nom et l'adresse de contact de cet agent public d'information, en précisant aussi que la demande doit être expédiée à l'agent public d'information habilité.

En dépit de toute autre disposition de cette Loi, un responsable administratif en charge des unités administratives suivantes existantes ou mises en place en vertu de toute autre Loi, est un agent public d'information en vertu de cette Loi:

- | | |
|----|-------------------|
| 1° | un secteur; |
| 2° | une petite ville; |
| 3° | une municipalité; |
| 4° | une grande ville; |
| 5° | une zone; et |
| 6° | une province. |

Article 8: Remise des demandes

Une demande d'accès à l'information est faite dans l'une ou l'autre des langues officielles par e-mail, fax, poste, téléphone ou par tout autre

hakoreshejwe e-mail, fagisi, iposita, telefone cyangwa ubundi buryo bw'itumanaho igihe cyose uyasaba agaragarije mukozi ushinzwe amakuru wa Leta cyangwa undi mukozi uwo ariwe wese wa Leta, ibiranga aho abarizwa n'umwirondoro wuzuye w'umukozi ushinzwe amakuru wa Leta, kugirango hamenyekane ugomba gushyikirizwa iyo dosiye.

Hakurikijwe iri tegeko, idosiye isaba amakuru ishobora gukorwa n'umuntu ku giti cye cyangwa itsinda ry'abantu bishyize hamwe rifite cyangwa ridafite ubuzima gatozi.

Iyo isabwa ry'amakuru ritujuje ibisabwa n'iyi ngingo, umukozi ushinzwe amakuru wa Leta uyakiriye niwe utanga ubufasha bukwiriye igihe cyose bibaye ngombwa kugirango iyo dosiye yuzuze ibisabwa.

Urwego rwa Leta cyangwa rw'ikigo kigenga birebwa n'iri tegeko bishobora kutagenzura umwirondoro w'umuntu kubera ko asabye amakuru ayo ariyo yose, cyangwa kutabaza impamvu uwo muntu asabye amakuru.

Urwego rwa Leta cyangwa rw'ikigo cyigenga birebwa n'iri tegeko ruhawe idosiye isaba amakuru rugomba guha usaba amakuru

be made in any of the official languages by e-mail, fax, post, telephone or by any other medium provided that the applicant provides contact details and sufficient particulars for the public information officer or any other official to understand what information is being requested.

An application to access information under this Law may be made by an individual or by a group of persons whether incorporated or unincorporated.

Where a request for information does not comply with this Article, the public information officer who receives the request shall render such reasonable assistance, free of charge, as may be necessary to enable the request to comply.

A public authority or a private body to which this Law applies may not inquire into a person's identity on account of a request for access to any information, or inquire as to the purpose of the person's request.

A public authority or a private body to which this Law applies which receives a request for

moyen, à condition que le demandeur fournisse les détails de ses coordonnées ainsi que des renseignements suffisants sur l'agent public d'information ou sur tout autre fonctionnaire concerné afin de connaître le but de la demande de cette information.

Une demande d'accès à l'information, en vertu de cette Loi, peut être faite par un individu ou par un groupe de personnes ayant une personnalité juridique ou non.

Si une demande d'information n'est pas conforme à cet Article, l'agent public d'information qui reçoit la demande, fournit gratuitement une telle aide légitime, pour autant qu'il est nécessaire pour permettre sa demande de se conformer à cet Article.

Un service public ou un organe privé auxquels cette loi s'applique peut ne pas se renseigner sur l'identité d'une personne en raison d'une demande d'accès à toute information, ou s'enquérir du but de la demande de cette personne.

Un service public ou un organe privé auxquels cette loi s'applique qui reçoit une demande d'information fournit au demandeur un accusé réception relatif à cette demande.

icyemezo cy'uko rwakiriye iyo dosiye.

Ingingo ya 9:Gusuzuma amadosiye

Umukozi wa Leta ushinzwe amakuru afatira icyemezo idosiye n'ingoga, ariko ibyo aribyo byose, mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uherye ku muni yayakiriyeho.

Iyo amakuru asabwa yerekeye ubuzima cyangwa uburenganzira bw'umuntu, ayo makuru atangwa mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) uherye ku muni yasabiweho.

Iyo amakuru asabwa n'umunyamakuru utara amakuru, amakuru ayahabwa mu muni itarenze ibiri (2) uherye ku muni idosiye yakiriweho.

Iyo isabwa ry'amakuru riterekeye ubuzima cyangwa uburenganzira bw'umuntu, ahubwo ryerekeye cyane cyane ibintu byinshi cyangwa amakuru menshi, umukozi wa Leta ushinzwe amakuru ashobora gusaba Umuvunyi ko igihe cyongerwaho iminsi itarenze iminsi y'akazi irindwi (7).

Ingingo ya 10:Ihererekanywa ry'amadosiye

information shall provide the applicant with a receipt documenting the request.

Article 9: Processing applications

A public information officer shall make a decision on an application as soon as possible, but in any event, within five working (5) days of receipt of the application.

Where the information sought concerns the life or liberty of a person, the information shall be provided within twenty-four (24) hours of receipt of the request.

Where information is sought by a journalist for the purposes of news gathering, the information shall be provided within two (2) days of receipt of the request.

Where an application, other than an application that concerns the life or liberty of a person, is especially complex or relates to a large volume of information, the public information officer may request the Ombudsman for an extension of time of no more than seven (7) working days.

Article 9: Traitement des demandes

L'agent public d'information prend une décision relative à une demande aussitôt que possible, absolument en deans les cinq (5) jours ouvrables suivant la réception de la demande.

Si l'information recherchée concerne la vie ou la liberté d'une personne, cette information sera fournie dans un délai de vingt-quatre (24) heures suivant la réception de la demande.

Si l'information est recherchée par un journaliste dans le but de recueillir des nouvelles, l'information sera fournie dans les deux (2) jours suivant la réception de la demande.

Si une demande d'information, autre que celle concernant la vie ou la liberté d'une personne, est particulièrement complexe ou volumineuse, l'agent public d'information peut demander au Médiateur une prolongation du délai ne dépassant pas sept (7) jours ouvrables.

Article 10: Transfert des demandes

Umukozi wa Leta ushinzwe amakuru, mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) uherye ku itariki yaboneyeho idosiye isaba amakuru, ayohereza uko yakabaye cyangwa igice cyayo gikenewe undi muyobozi wa Leta cyangwa w'ikigo cyigenga kirebwa n'iri tegeko, iyo amakuru asabwa atari mu bubasha bw'icyo kigo abereye umukozi wa Leta ushinzwe amakuru cyangwa kitayafite, ahubwo ari mu bubasha bw'urundi rwego rwa Leta cyangwa bw'ikigo kigenga.

Iyo idosiye yoherejwe ahandi nk'uko biteganyijwe n'iyi ngingo, uko byagenda kose, umukozi wa Leta ushinzwe amakuru yihutira, mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) uherye ku munsu yashyikirijwe idosiye, kumenyeshya usaba amakuru ibyerekeye iyoherezwa ry'iyi dosiye n'aderesi y'urwego rwa Leta yoherejwe.

Urwego rwa Leta cyangwa rw'ikigo cyigenga cyubahiriza iri tegeko bwohererejwe idosiye n'umukozi wa Leta ushinzwe amakuru, ruyifatira umwanzuro mu gihe cy'iminsi icumi (10) uherye ku munsu wa mbere w'isabwa ry'amakuru, bitagenda bityo, iyo dosiye igafatwa nk'itemewe.

Article 10: Transfer of applications

A public information officer shall, not later than three (3) days from the date of receipt of an application, transfer an application to access information, or any relevant part of it, to another public authority or to a private body to which this Law applies, if the information requested is not held by or under the control of the public authority for which he is a public information officer, but is held by or under the control of that other public authority or private body.

Where an application is transferred under this Article, a public information officer shall forthwith, but in any event no later than five (5) days from the date of receipt of the application, inform the applicant about the transfer and the address of the public authority to which the application has been transferred.

A public authority or a private body to which this Law applies to which an application is referred by a public information officer shall make a decision on the application within ten (10) days from the date that the application was first made, failing which the request shall be deemed to have been rejected.

Un agent public d'information peut, au plus tard dans un délai de trois (3) jours suivant la date de réception d'une demande, transférer cette demande d'accès à l'information, ou toute autre partie utile de celle-ci, à un autre service public ou à un organe privé concernée par cette Loi, si l'information demandée n'est pas tenue ou contrôlée par un service public dont il est agent public d'information, mais plutôt tenue ou contrôlée par cet autre service public ou organe privé.

Si une demande est transférée conformément à cet Article, l'agent public d'information peut immédiatement, si non au plus tard dans les cinq (5) jours suivant la date de réception de la demande, informer le demandeur au sujet de ce transfert et de l'adresse du service public auquel la demande a été transférée.

Un service public ou un organe privé concernés par cette Loi auxquels une demande est transférée par un agent public d'information prend une décision relative à cette demande dans les dix (10) jours à partir de la date où elle a été faite pour la première fois, faute de quoi elle sera considérée comme rejetée.

Article 11: Permis d'accès à l'information

Ingingo ya 11: Kwemererwa guhabwa amakuru

Iyo hafashwe icyemezo cyo gutanga amakuru yasabwe, umukozi wa Leta ushinzwe amakuru yoherereza usaba inyandiko ibimumenyeshya mu gihe cy'iminsi irindwi y'akazi (7) uhereye ku muni yashyikirijwe idosiye isaba amakuru amubwira:

- 1° ko ugusaba kwe kwemewe;
- 2° ibisobanuro byerekeye amafaranga ayo ari yo yose cyangwa andi yiyongeraho yishyurwa kugirango amakuru atangwe, kimwe n'uburyo uwo umubare w'amafaranga agomba kwishyurwa wagezweho;
- 3° uburyo bwo kwishyura ayo mafaranga;
- 4° uburyo bwifujwe bwo kubona ayo makuru mu gihe ayo mafaranga yishyuwe.

Amaze kwakira Amafaranga asabwa, umukozi ushinzwe amakuru ya Leta aha amakuru

Article 11: Providing access to information

Where a decision is taken to provide the information requested, a public information officer shall send the applicant a written notice within seven (7) working days of receipt of the application, advising:

- 1° that the application has been granted;
- 2° the details of any fees or further fees to be paid for access, together with the calculations made to arrive at the amount of the fees;
- 3° the method of payment of such fees;
- 4° the proposed process for accessing the information once the payment is made.

Upon receipt of the requisite fee, a public

Si une décision de fournir une information demandée est prise, l'agent public d'information envoie au demandeur, dans les sept (7) jours ouvrables suivant la réception de la demande, une notification écrite lui signifiant:

- 1° que la demande a été approuvée;
- 2° le détail des frais ou les frais supplémentaires à payer pour accéder à l'information, ainsi que les calculs effectués pour arriver au montant de ces frais;
- 3° les modalités de paiement de ces frais;
- 4° le procédé proposé pour accéder à l'information une fois le paiement effectué.

À la réception des frais requis, l'agent public d'information fournit une information au demandeur ou lui autorise une consultation

uwayasabye cyangwa akihutira gutanga ububasha bwo kuyasoma nk'uko bikwiye, ariko uko byagenda kose, bitarenze igihe cy'iminsi ibiri y'akazi (2) uhereye ku itariki amafaranga yishyuriwe.

Amakuru ayo ariyo yose ashobora gushyikirizwa uwayasabye, yihutirwa gutangwa, aho abitswe, kugira ngo ajenzurwe iyo umuntu yifuza kuyabona kugira ngo ayasome, ayumve cyangwa ayasobanukirwe muri ubwo buryo, cyangwa mu buryo abitswe keretse uyasaba yifuje ko bayamugezwaho mu bundi buryo kandi byoroshye kubigenza gutyo, kandi amakuru nk'ayo ashobora gukorerwa kopi, kongera gukoreshwa cyangwa agahindurwa ngo akoreshwe mu buryo bw'amajwi.

Iyo amakuru agomba gutangwa hakurikijwe iyi ngingo, kandi uyasaba iyo yifuza kuyahabwa mu Kinyarwanda, mu gifaransa cyangwa mu cyongereza, amakuru ayahabwa mu rurimi yifuza.

information officer shall provide the information to the applicant or permit the relevant inspection immediately but in any event not later than two (2) working days from the date of receipt of such payment.

Any information which may be made accessible to an applicant shall be produced forthwith, at the place where it is kept, for inspection, to any person who desires to have access to it in such a manner that it can be read, listened to, or otherwise comprehended, or in the form in which it is held, unless the applicant requests that it be made available in another form and it is practicable to do so, and such information may also be copied, reproduced, or used for conversion to a sound transmission.

Where information is to be provided under this Article, and the applicant requests that access be given in Kinyarwanda, French or English the information shall be given to the applicant in that language.

immédiate appropriée, ou au plus tard dans les deux (2) jours ouvrables suivant la date où le paiement a été effectué.

Toute information accessible à un demandeur est produite immédiatement au lieu où elle est gardée pour consultation, pour toute personne désirant avoir accès à elle de façon à être lue, écouté, ou autrement compris, ou sous la forme dans laquelle elle est tenue, à moins que le demandeur ne demande qu'elle soit rendu disponible sous une autre forme pratique; une telle information peut également être copiée, reproduite, employée, ou convertie pour une transmission sonore.

Si, en vertu de cet Article, l'information doit être fournie et que le demandeur souhaite que l'accès lui soit accordé en Kinyarwanda, en français ou en anglais, l'information lui sera fournie dans cette langue.

Ingingo ya 12: Kutemera dosiye

Article 12: Rejection of application

Article 12: Rejet d'une demande d'information

Iyo dosiye isaba amakuru itemewe, mukozi ushinzwe amakuru ya Leta yoherereza usaba amakuru inyandiko ibimumenyeshya mu gihe cy'iminsi irindwi y'akazi(7) uhereye ku munsu yashyikirijwe dosiye isaba amakuru amugaragariza:

- 1° izina n'urwego umuntu ufata ibyemezo;
- 2° impamvu z'icyemezo, hakubiyemo n'ingingo z'iri tegeko zashingiweho, ibigaragazwa ku bibazo by'ukuri n'ingingo ibyo bigaragazwa byashingiyeho.

Ingingo ya 13: Ibihembo

Nta mafaranga ashobora gucibwa ajyanye no gusaba amakuru.

Urwego rwa leta cyangwa ikigo cyigenga iri tegeko rireba cyasabwe amakuru, nta kiguzi gisaba usaba amakuru uretse amafaranga make yishyurwa ataranga ikiguzi cyo gukora kopi zayo no kuyageza ku wayasabye, aho bishoboka.

Where a request for information is rejected or partially rejected, the public information officer concerned shall send the applicant a written notice within seven (7) working days of receipt of the application, specifying:

- 1° the name and designation of the person making the decision;
- 2° the reasons for the decision, including the relevant provisions of this Law relied upon, findings on any material questions of fact and the material on which those findings were based;

Article 13: Fees

No fee may be charged in relation to the submission of an application for information.

A public authority or a private body to which this Law applies to which an application for information has been made, shall make no charge to the applicant for the provision of the information other than a reasonable charge for access which shall not exceed the actual costs of

Si une demande d'information est totalement ou partiellement rejetée, l'agent public d'information concerné enverra au demandeur une notification écrite en deans les sept (7) jours ouvrables suivant la réception de la demande, en précisant:

- 1° le nom et la fonction de la personne prenant la décision ;
- 2° les raisons de la décision, y compris les dispositions pertinentes de cette Loi sur lesquelles elle est fondée, les résultats sur toutes les questions matérielles de faits et le matériel sur lesquels ces résultats ont été basés;

Article 13: Les frais

Aucun frais ne peut être fait payée par rapport à la présentation d'une demande d'information.

Un service public ou un organe privé concernés par cette Loi auxquels une demande d'information a été adressée, n'exigera aucun frais au demandeur pour la fourniture de l'information autre qu'une charge raisonnable pour l'accès, laquelle n'excédera pas les coûts effectifs de tirage de copies d'une telle information et, si approprié, sa fourniture audit

making any copies of such information and if applicable, supplying them to the applicant.

Tout frais imposé ne sera pas si élevé pour aller à l'encontre objectifs de cette Loi.

Amafaranga ayo ariyo yose asabwe kwishyurwa ntashobora kuba menshi Byatuma intego z'iri tegeko zitagerwaho.

Any fees imposed shall not be so high as to defeat the objectives of this Law.

Urwego rwa leta cyangwa ikigo cyigenga kirebwa n'iri tegeko, hakurikijwe uburyo nk'ubwo Umuvunyi ashobora gushyiraho, rushobora kudaca amafaranga ayo ariyo yose mu gihe:

A public authority or a private body to which this Law applies shall in accordance with such procedure as may be prescribed by the Ombudsman waive any fee where:

Un service public ou un organe privé concernés par cette Loi peuvent, conformément à une telle procédure pouvant être fixée par le Médiateur, supprimer n'importe quel frais au cas où:

1° kwishyura ayo mafaranga bishobora gutera ibibazo by'amafaranga usaba amakuru;

1° payment of the fee may cause financial hardship to the applicant;

1° le paiement des frais peut causer des difficultés financières au demandeur;

2° gutangaza amakuru biri mu nyungu z'abaturage; cyangwa

2° disclosure of the information is in the public interest; or

2° la publication de l'information est d'intérêt public; ou

3° amafaranga akoreshwa mu kwishyuzwa aruta amafaranga yishyuzwa.

3° the cost of collecting the fee exceeds the amount of the fee itself.

3° le coût de perception des frais excède le montant des frais eux-mêmes.

Haseguriwe ikintu cyose muri iyi ngingo, urwego rwa leta, iyo rudashoboye kubahiriza igihe cyo gutanga amakuru giteganywa n'iri

Notwithstanding anything in this Article, a public authority shall, if it fails to comply with

Si, en dépit des dispositions de cet Article, un service public ne respecte pas le délai de fourniture d'information fixé par cette Loi, il fournit ladite information gratuitement.

tegeko, rutanga amakuru nta kiguzi

Ingingo ya 14: Gukosora amakuru y'umuntu ku giti cye

Bisabwe n'usaba amakuru, urwego rwa leta rukoresheje amikoro yarwo rukosora amakuru y'umuntu ku giti cye ayo riyo yose afitwe na rwo yerekeye usaba amakuru arimo amakosa, atuzuye cyangwa adakwiriye.

Umuntu wemera ashingiye ku mpamvu zumvikana ko urwego rwa leta rufite amakuru yerekeye umuntu arimo amakosa, atuzuye cyangwa adakwiriye, ashobora gusaba ukuriye urwego rwa letarubitse ayo makuru kuyakosora.

Gusaba amakuru, nk'uko biteganywa n'iyi ngingo, bishyikirizwa urwego rwa leta rufite mu nshingano zarwo imicungire y'ububiko bw'inyandiko zirimo amakuru arimo amakosa, atuzuye cyangwa adakwiriye kandi:

- 1° ukavuga ko usaba ubugorozi bw'amakuru amwe y'umuntu ku giti cye bwite yerekeye uwasabye amakuru;

the time for the provision of information set out in this Law, provide the information free of charge.

Article 14: Correction of personal information

At the request of the applicant a public authority shall, at its own expense correct any personal information held by it relating to the applicant which is inaccurate, incomplete or irrelevant.

A person who believes on reasonable grounds that a public authority is holding information relating to the person, which is inaccurate, incomplete or irrelevant, may request the head of the public authority that has the information in its custody or under its control to correct the information.

A request under this Article shall be made to the public authority responsible for the maintenance of the record system containing the inaccurate, incomplete or irrelevant information and shall:

- 1° state that it is a request to amend certain personal information relating to the applicant;

Article 14: Correction d'information personnelle

Sur demande du demandeur, un service public, à ses propres frais, corrige toute information personnelle tenue par devers lui, concernant le demandeur, laquelle information est imprécise, inachevée ou non pertinente.

Une personne qui croit, pour des raisons justifiées, qu'un service public tient une information imprécise, inachevée ou non pertinente concernant une personne, peut demander au chef du service public possédant ou contrôlant cette information de la corriger.

Une demande d'information conforme à cet Article est adressée au service public responsable de l'entretien du système d'enregistrement contenant l'information imprécise, inachevée ou non pertinente et peut:

- 1° spécifié que c'est une demande destinée à modifier certaine information personnelle concernant le demandeur;
- 2° spécifier l'information personnelle qui doit

2° ukagaragaza amakuru y'umuntu ku giti cye bwite yo kugororwa, ukerekana ukuntu ayo makuru arimo amakosa, atuzuye cyangwa adakwiriye, n'ukuntu abangamiye inyungu z'uwasabye amakuru; kandi

2° specify the personal information that is to be amended indicating how such information is inaccurate, incomplete or irrelevant, and how it is adverse to the applicant's interests; and

être modifiée, indiquant comment une telle information est imprécise, inachevée ou non pertinente, et comment elle est contraire aux intérêts du demandeur; et

3° ubugorizi bushakwa n'uwasabye amakuru.

3° specify the correction sought by the applicant.

3° indiquent la correction cherchée par le demandeur.

Ushinzwe amakuru mu rwego rwa leta, nk'uko biteganywa n'iyi ngingo, ntakosora, ntanahindura igitekerezo gikubiye mu makuru y'umuntu ku giti cye bwite, harimo n'igitekerezo cy'umwuga cyangwa cy'ubuhanga.

The head of a public authority shall not, under this Article, correct or otherwise alter an opinion included in personal information, including a professional or expert opinion.

Le chef d'un service public ne peut, conformément à cet Article, ni corriger, ni modifier autrement une opinion contenue dans une information personnelle, y compris une opinion professionnelle ou spécialisée.

INTERURO YA IV: IYUBAHIRIZWA RY'ITEGEKO KU BIGO BYIGENGA

Ingingo ya 15: Uburenganzira ku makuru yo mu bigo bimwe byigenga

Buri muntu afite uburenganzira bwo kubona amakuru ikigo cyigenga, kirebwa n'iri tegeko, gifite cyangwa gifiteho ububasha, iyo ayo makuru ari ngombwa kugira ngo hubahirizwe

TITLE IV: APPLICATION OF LAW TO PRIVATE BODIES

Article 15: Right to information from certain private bodies

Every person has the right to access information held or under the control of a private body to which this Law applies where that information is necessary for the enforcement or protection of

TITRE IV: APPLICATION DE LA LOI AUX ORGANES PRIVÉS

Article 15 : Droit à l'information de certains organes privés

Chaque personne a le droit d'accéder à l'information tenue ou contrôlée par un organe privé concerné par cette Loi où cette information est nécessaire pour l'application ou la protection de tout droit ou de toute liberté

cyangwa harindwe uburenganzira cyangwa any right or freedom recognized under the reconnus en vertu de la constitution ou de toute
ubwisanzure runaka bwemewe n'Itegeko Constitution or any other written law. autre Loi écrite.

Ingingo ya 16: Ishyirwaho ry'ibigo byigenga **Article 16: Designation of private bodies**

Minisitiri, abisabwe n'umuntu runaka cyangwa The Minister, upon the application of any quelle personne, et conformément à l'avis du
abigiriwemo inama n'Umuvunyi, ashobora, mu person and on the advice of the Ombudsman, Médiateur, par notification publiée dans le
itangazo ryanditswe mu Igazeti, guhitamo ikigo may, by notice published in the Gazette, journal, désigner n'importe quel organe ou
cyigenga cyangwa urwego rw'ibigo runaka designate any private body or class of bodies to collectif d'organes privés, pour être un organe
kuba ikigo cyigenga iri tegeko ryubahirizwaho. be a private body to which this Law applies. privé concerné par cette Loi.

Mbere yo kugira uburenganzira buteganywa Before exercising the powers under this Article, conferés conformément à cet Article, le
n'iyi ngingo, Minisitiri aha buri kigo cyagizwe the Minister shall give every affected private Ministre donne à chaque organe privé concerné
ikigo cyigenga integuza y'iminsi mirongo itatu body thirty (30) days' notice of intention to trente (30) jours de préavis lui notifiant
(30) akimenyeshya icyifuzo cyo kukigira ikigo designate the body as a private body to l'intention de le désigner comme organe privé
cyigenga cyubahiriza iri tegeko. this Law applies. auquel cette Loi s'applique.

Ikigo cyigenga cyahawe integuza hakurikijwe A private body which has been given a notice conformément à cet article peut, avant
iyi ngingo, mbere y'uko iminsi y'integuza under this Article may before the expiry of the l'échéance de la période de notification, déposer
irangira, gishobora kujuririra Minisitiri gitanga period of notice, appeal to the Minister giving un recours auprès du Ministre, en donnant les
impamvu kitemera kugirwa ikigo cyigenga reasons why it objects to being designated as a raisons pour lesquelles il s'oppose à sa
cyubahiriza iri tegeko. private body to which this Law applies. désignation comme organe privé concerné par
cette Loi.

Bitarenze igihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) The Minister shall not later than fifteen (15) Le Ministre pourra, au plus tard en déans quinze
nyuma y'uko iminsi y'integuza irangiye, days after the expiry of the period of notice (15) jours suivant l'échéance de la période de
notification, informer l'organe privé ayant

Minisitiri amenyesha ikigo cyigenga cyajuririye niba ubujurire bwacyo bwaremewe cyangwa butaremewe. inform a private body that has appealed whether or not its appeal has been accepted. déposé le recours si celui-ci a été accepté.

Ikigo cyigenga cyajuririye Minisitiri, ubujurire bwacyo bukaba butaremewe, gishobora mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) y'icyemezo cya Minisitiri kujurira mu Rukiko Rukuru ariko niba Urukiko Rukuru rudategetse ukundi, ubujurire butegenywa n'aka gace ntibubuzwa Minisitiri guhitamo ikigo cyigenga runaka cyangwa urwego rw'ibigo runaka kuba ikigo cyigenga kirebwa n'iri tegeko. A private body whose appeal to the Minister has not been accepted, may within thirty (30) days of the Minister's decision appeal to the High Court but unless the High Court otherwise orders, an appeal under this subsection shall not bar the Minister from designating any private body or class of bodies as a private body or class of bodies to which this Law applies. Un organe privé dont le recours auprès du Ministre n'a pas été accepté peut, en déans trente (30) jours de la décision du Ministre, déposer un recours auprès de la Cours Suprême mais, à moins que ledit Cours Suprême n'ordonne autrement, un recours conforme à cette sous-section n'empêchera pas le Ministre de désigner n'importe quel organe ou collectif d'organes privés comme organe privé ou collectif d'organes privés concernés par cette Loi.

Urwego runaka rufatwa nk'aho rwujuje ibyangombwa byo kuba ikigo cyigenga kirebwa n'iri tegeko cyangwa rutabyujuje, keretse: An entity qualifies to be designated as a private body to which this Law applies and does not so qualify unless: Toute entité qualifiée pour être désignée comme organe privé concerné par cette Loi sans pour autant être qualifiée, à moins:

1° rufite cyangwa rudafite ubungenzuzi bw'amakuru ya ngombwa kugira ngo hubahirizwe cyangwa harindwe uburenganzira cyangwa ubwisanzure runaka bwemewe n'Itegeko Nshinga cyangwa irindi tegeko ryanditse runaka; cyangwa 1° it holds or has control of information necessary for the enforcement or protection of a right or freedom recognized under the Constitution or any other Law; or 1° de tenir ou de contrôler l'information nécessaire pour l'exercice ou la protection d'un droit ou d'une liberté reconnus par la Constitution ou par n'importe quelle autre Loi; ou

2° rukora ubucuruzi, umwuga cyangwa umurimo wo mu rwego rwa leta; 2° it carries on any trade, business, profession or function of a public nature; 2° il fait toute sorte de commerce, d'affaires, exerce toute sorte de profession ou de fonction à caractère public;

Itangazo rya Minisitiri, hakurikijwe iyi ngingo, rigaragaza urwego cyangwa inzego z'amakuru hubahirijwe y'uko ikigo cyigenga kigizwe ikigo cyigenga kirebwa n'iri tegeko.

Hatirengagijwe yuko ikigo cyigenga kitagizwe ikigo cyigenga kigengwa n'iri tegeko, umuntu runaka ashobora gusaba Urukiko Rukuru ko ikigo cyigenga gitanga amakuru amwe n'amwe ashingiye yuko ayo makuru akenewe byihutirwa cyane kugira ngo ubuzima n'uburenganzira by'umuntu bidahohoterwa.

Ingingo ya 17: Itangazwa ry'amakuru yihariye afite akamaro

Ikigo cyigenga kigengwa n'iri tegeko gitangaza amakuru gifite cyangwa kigenzura y'urwego cyangwa inzego Minisitiri agishije inama Umuvunyi ashobora gutanga akoresheje iteka.

Ingingo ya 18: Abakozi bashinzwe amakuru mu bigo byigenga

Ikigo cyigenga cyigengwa n'iri tegeko gihitamo

The notice published by the Minister under this Article shall specify the category or categories of information in respect of which the private body shall be a private body to which this Law applies.

Notwithstanding that a private body has not been designated as a private body to which this Law applies, any person may apply to the High Court for an order requiring the private body to provide some information on the ground that the information is urgently and immediately required in the interests of the preservation of the life or liberty of a person.

Article 17: Proactive publication of specified information

A private body to which this Law applies shall proactively publish such information as it holds or controls, of such category or categories as the Minister in consultation with the Ombudsman may by Order provide.

Article 18: Public information officers of private bodies

La notification publiée par le Ministre en vertu de cet Article spécifie la catégorie ou les catégories d'information selon lesquelles un organe privé devient l'organe privé en vertu de cette Loi.

En dépit du fait qu'un organe privé n'aurait pas été désigné comme organe privé en vertu cette Loi, toute personne peut introduire à la Cour Suprême une demande d'un ordre exigeant cet organe privé de fournir quelques informations en raison du fait que ces informations sont instamment et immédiatement nécessaires pour la protection de la vie ou de la liberté d'une personne.

Article 17: Publication dynamique d'information spécifique

Un organe privé concerné par cette Loi publie proactivement une telle information telle qu'elle est tenue ou contrôlée, de telle ou telle catégorie que le Ministre, en consultation avec le Médiateur, peut fournir, par Ordonnance.

Article 18: Agents publics d'information des organes privés

Un organe privé, en vertu de cette Loi, désigne une personne ou des personnes pour devenir son

umukozi wa leta ushinzwe amakuru cyangwa abakozi bashinzwe amakuru kugira ngo asubize cyangwa basubize abasaba amakuru hakurikijwe iri tegeko, kandi iyo nta muntu washyizweho ushinzwe amakuru, ukuriye icyo kigo cyigenga niwe ufatwa nk'umukozi wa leta ushinzwe amakuru wacyo.

Article 19: Ukudakurikizwa kw'izindi ngingo z'iri tegeko

Keretse nk'uko biteganywa muri iri tegeko cyangwa mu byemezo byafashwe hakurikijwe iri tegeko, ingingo z'iri tegeko ntizikurikizwa ku kigo cyigenga.

INTERURO YA V: UBUBASHA N'IMIRIMO BY'UMUVUNYI MU RWEGO RWO KUBONA AMAKURU

Ingingo ya 20: Imirimo y'umuvunyi mu rwego rwo kubona amakuru

Ku mirimo Umuvunyi ashingwa n'Itegeko Nshinga n'andi Mategeko, hiyongeraho ko Umuvunyi:

- 1° asuzuma, abiregawe n'umuntu runaka cyangwa n'itsinda ry'abantu, ikibazo cyo kutubahiriza ingingo z'iri tegeko;

A private body to which this Law applies shall designate a person or persons to be its public information officer or officers for the purpose of responding to requests for information under this Law and where no person has been designated, the chief executive officer of the private body shall be deemed to be its public information officer.

Article 19: Non-application of other provisions of this Law

Except as expressly provided for in this Law or in Orders made under this Law, the provisions of this Law do not apply to a private body.

TITLE V: POWERS AND FUNCTIONS OF OMBUDSMAN IN RELATION TO ACCESS TO INFORMATION

Article 20: Functions of Ombudsman in relation to access to information

In addition to the functions vested in the Ombudsman by the Constitution and other Laws, the Ombudsman shall:

- 1° investigate upon a complaint made by any person or group of persons, the

(ses) agent(s) public(s) d'information afin de répondre aux demandes d'information en vertu de cette Loi et, si aucune personne n'a été désignée, le cadre supérieur de cet organe privé sera considéré comme son agent public d'information.

Article 19: Non-application d'autres dispositions de cette Loi

À moins d'être expressément prévu dans cette Loi ou dans des Ordres données en vertu de cette Loi, les dispositions de cette loi ne s'appliquent pas à un organe privé.

TITRE V: POUVOIRS ET FONCTIONS DU MEDIATEUR EN RELATION AVEC L'ACCÈS À L'INFORMATION

Article 20: Fonctions du Médiateur en relation avec l'accès à l'information

En plus des fonctions dont le Médiateur est investi par la Constitution et autres Lois, il:

- 1° examine les plaintes déposées par une personne ou un groupe de personnes, la violation des dispositions de cette Loi;

- 2° agenzura inzego za leta agamije gusuzuma no kumenya imigendekere y'ikusanywa, itegurwa n'isakazwa by'amakuru mu baturage kandi agatanga ibyifuzo bikwiranye nabyo;
- 3° amenyeshya akanahugura abaturage ku burenganzira bwabo buteganywa n'iri tegeko mu buryo bwa gahunda ihoraho y'ubushakashatsi, inyandiko, ibiganiro mbwirwaruhame, inama z'impuguke n'ubundi buryo Umuvunyi abona bukwiriye;
- 4° yereka abayobozi ba leta bose uburyo bwiza bwo guteza imbere uburyo bwo kubona amakuru;
- 5° asuzuma akanashyiraho uburyo bwo kubika no gucunga inyandiko za leta zikorwa n'ubuyobozi bwa leta;
- 6° areba ko abayobozi ba leta bose buzuzura inshingano z'u Rwanda hakurikijwe n'amasezerano mpuzamahanga yerekeye kubona amakuru;
- 7° areba ko uburyo bwo gusakaza amakuru hakubiyemo n'itangazwa ryayo
- violation of the provisions of this Law;
- 2° inspect public authorities with a view to assessing and evaluating the collection, processing and dissemination of information to the public and making appropriate recommendations thereon;
- 3° inform and educate the public as to their rights under this Law by means of a continuing programme of research, publication, lectures and symposia and by such other means as the Ombudsman may deem fit;
- 4° recommend to all public authorities effective measures to promote access to information;
- 5° examine and prescribe systems and procedures for the keeping and management of public records by public authorities;
- 6° ensure that all public authorities comply with Rwanda's obligations under international treaties and conventions on access to information;
- 7° ensure that information dissemination
- 2° examine de près les services publics en vue d'évaluer et estimer la collection, le traitement et la diffusion de l'information en faveur du public et en faire des recommandations appropriées;
- 3° informe et instruit le public quant à leurs droits, en vertu de cette Loi, au moyen d'un programme continu de recherches, de publications, de conférences et de colloques ainsi que par d'autres moyens que le Médiateur peut juger appropriés ;
- 4° recommande à tous les services publics les mesures efficaces favorisant l'accès à l'information;
- 5° examine et fixe les systèmes et les procédures nécessaires pour garder et gérer des enregistrements publics par des services publics;
- 6° s'assure que tous les services publics respectent les engagements du Rwanda aux termes des traités et conventions internationaux sur l'accès à l'information;
- 7° s'assure que les procédures de diffusion de l'information, y compris les programmes de publication en vue de la révélation proactive de

hagamijwe imitangarizwe y'amakuru y'abayobozi ba leta bose ifite akamaro bwubahiriza ingingo z'iri tegeko zikurikizwa;	procedures including publication schemes for proactive disclosure of information by all public authorities conform to the relevant provisions of this law;	l'information par tous les services publics, se conforment aux dispositions applicables de cette Loi;
8° atanga ibyifuzo bye ku iterambere, ivugururwa, ihuzwa n'igihe tugezemo, ihindurwa cyangwa ivugururwa by'iri tegeko cyangwa by'andi mategeko ajyanye no kubona amakuru;	8° make recommendations for the development, improvement, modernization, reform or amendment of this Law or other legislation having a bearing on access to information;	8° fait des recommandations nécessaires pour le développement, l'amélioration, la modernisation, la réforme ou l'amendement de cette Loi, ou de toute autre législation concernant l'accès à l'information;
9° bisabwe na Guverinoma, atanga inama ku kibazo runaka cyerekeye kubona amakuru;	9° at the request of the Government, offer advisory opinions on any matter relating to access to information;	9° sur demande du gouvernement, donne des avis consultatifs sur n'importe quelle question concernant l'accès à l'information;
10° aburanisha abamugejejeho ibirego n'ubujurire	10° hear complaints and appeals;	10° entend des plaintes et des recours;
11° akora n'indi mirimo nk'Umuvunyi abona ko ari ngombwa kugira ngo himakazwe uburyo bwo kubona amakuru.	11° perform such other functions as the Ombudsman may consider necessary for the promotion of access to information.	11° exécute d'autres fonctions que le Médiateur peut juger nécessaires pour la promotion de l'accès à l'information.
Mu rwego rwo kwimakaza intego z'iri tegeko, Umuvunyi agomba:	In order to promote the objects of this Law, the Ombudsman shall:	Afin de promouvoir les objets de cette Loi, le Médiateur doit:
1° gutegura akanakora gahunda z'inyigisho kugira ngo yongere ubumenyi bw'abaturage kuri iri tegeko n'uburyo bwo gukoresha uburenganzira buteganywa n'iri	1° develop and conduct educational programmes to advance the understanding of the public, of this Law and of how to exercise the rights	1° développe et conduit des programmes éducatifs pour améliorer la compréhension de cette Loi par le public, et la façon d'exercer les droits qu'elle préconise;

- tegeko;
- 2° gushishikariza abayobozi ba leta kugira uruhare mu iterambere no mu ishyirwa mu bikorwa rya za gahunda zivugwa muri iyi ngingo no gukora izo gahunda bo ubwabo;
- 3° kwimakaza mu bayobozi ba leta itangazamakuru nyaryo mu gihe gikwiye mu bijyanye n'imirimo yabo;
- 4° guhugura abakozi ba leta bashinzwe amakuru mu nzego za leta no gukora inyandiko z'amahugurwa zikwiriye zakoresha n'abo bayobozi ba leta.

contemplated in this Law;

- 2° encourage public authorities to participate in the development and conduct of programmes referred to in this Article and to undertake such programmes themselves;
- 3° promote timely and effective dissemination of accurate information by public authorities about their activities;
- 4° train public information officers of public authorities and produce relevant training materials for use by those authorities.

2° encourage les services publics à participer au développement et conduit les programmes fixés dans cet Article et à entreprendre ces programmes eux-mêmes ;

3° favorise la diffusion opportune et efficace de l'information précise par des services publics au sujet de leurs activités;

4° former les agents publics d'information des services publics et développer le matériel approprié de formation à l'usage de ces autorités.

Umuvunyi afite ububasha bwose bwa ngombwa kugira ngo atunganye imirimo ye hakurikijwe iri tegeko.

The Ombudsman shall have all the powers necessary for the performance of its functions under this Law.

Le Médiateur a tous les pouvoirs nécessaires pour l'exécution de ses fonctions en vertu de cette Loi.

Ingingo ya 21: Ububasha bw'Umuvunyi

Mu kazi ke, Umuvunyi afite ububasha bwo:

- 1° guhamagaza cyangwa gutegeka umuntu runaka kwitaba y'Umuvunyi no kwerekana inyandiko runaka cyangwa

Article 21: Powers of the Ombudsman

In the performance of his or her functions under this Law, the Ombudsman shall have the powers to:

- 1° issue summonses or other orders

Article 21: Les Pouvoirs du Médiateur

Dans l'exécution de ses fonctions en vertu de cette loi, le Médiateur a les pouvoirs de:

- 1° notifier des citations ou d'autres ordres de comparution de n'importe quelle personne devant lui et produire tout document ou

raporo ijyanye n'iperereza runaka ry'Umuvunyi;	requiring the attendance of any person before the Ombudsman and the production of any document or record relevant to any investigation by the Ombudsman;	enregistrement concernant toute enquête effectuée par lui;
2° kubaza umuntu runaka hubahirijwe ingingo ijyanye n'iperereza imbere y'Umuvunyi;	2° question any person in respect of any subject matter under investigation before the Ombudsman;	2° questionner face a face toute personne a propos de n'importe quel sujet à l'étude;
3° gusaba umuntu runaka kuvuga amakuru uwo muntu azi ajyanye n'iperereza runaka ry'Umuvunyi.	3° require any person to disclose any information within such person's knowledge relevant to any investigation by the Ombudsman.	3° exiger de toute personne de révéler n'importe quelle information a sa connaissance par rapport a n'importe quelle enquête.
Umuvunyi ashobora gusaba ubuyobozi bwa leta cyangwa ikigo cyigenga kigengwa n'iri tegeko gufata ibyemezo ashobora gusanga ari ngombwa kugira ngo hubahirizwe ibisabwa n'iri tegeko, mu gihe Umuvunyi ashobora guteganya, hakubiyemo:	The Ombudsman may require a public authority or a private body to which this Law applies to take such steps as the Ombudsman may consider necessary to secure compliance with the requirements of this Law within such period as the Ombudsman may specify, including:	Le Médiateur peut avoir besoin d'un service public ou d'un organe privé en vertu de cette Loi de faire des étapes que le Médiateur peut juger nécessaires pour répondre aux exigences de cette Loi au cours d'une telle période que le Médiateur peut indiquer, y compris:
1° kwemera ko amakuru abonwa, kandi byaba bisabwe , akabonwa mu buryo bwihariye;	1° providing access to information, and if so requested, in a particular form;	1° permettre d'accéder à l'information sous une forme particulière s'il est ainsi demandé;
2° gutangaza cyangwa gukwirakwiza amakuru amwe cyangwa ibyiciro by'amakuru;	2° publishing or disseminating certain information or categories of information;	2° publier ou diffuser certaines informations ou catégories d'informations;
3° kuvugurura ibikenewe mu mikorere ya		3° faire des modifications nécessaires à ses pratiques.

<p>bwo;</p> <p>Umuvunyi ashobora, iyo abonye harabayeho ukutubahiriza ingingo z'iri tegeko, gutegeka:</p>	<p>3° making necessary changes to its practices.</p> <p>The Ombudsman may, if satisfied that there has been an infringement of the provisions of this Law, order:</p>	<p>Le Médiateur peut, s'il est tout a fait prouvé qu'il y a eu une infraction aux dispositions de cette loi, ordonner:</p>
<p>1° Gutangaza amakuru runaka yahagaritswe mu buryo bunyuranye n'amategeko;</p>	<p>1° the release of any unlawfully withheld information;</p>	<p>1° la publication de toute information illégalement retenue ;</p>
<p>2° kwishyura indishyi; cyangwa</p>	<p>2° the payment of compensation; or</p>	<p>2° le paiement d'une compensation; ou</p>
<p>3° gushaka undi muti cyangwa ubugorozi bwemewe n'amategeko.</p>	<p>3° any other lawful remedy or redress.</p>	<p>3° tout autre solution ou réparation légales.</p>
<p>Umuntu cyangwa ubuyobozi utanyuzwe n'icyemezo cyafashwe n'Umuvunyi hakurikijwe iyi ngingo ashobora kujurira Urukiko Rukuru mu minsi makumyabiri n'umwe (21) y'icyo cyemezo.</p>	<p>A person or authority dissatisfied with an order made by the Ombudsman under this Article may appeal to the High Court within twenty-one (21) days of such order.</p>	<p>Une personne ou une autorité mécontente d'un ordre fait par le Médiateur en vertu de cet Article peut déposer un recours à la Cour Suprême en déans vingt et un (21) jours à partir de celui ou cet ordre a été délivré.</p>
<p>Iyo nta bujurire bwatanzwe, uruhande rushyigikiye uwafatiwe icyemezo n'Umuvunyi rushobora kubahiriza icyo cyemezo mu buryo bumwe nk'icyemezo cy'Urukiko Rukuru.</p>	<p>If no appeal is filed, the party in favour of whom the order is made by the Ombudsman may execute the order in the same manner as an order of the High Court.</p>	<p>Si aucun recours n'est déposé, la partie favorisée par l'ordre du Médiateur peut exécuter cet ordre de la même manière que l'ordre issue de La Cour Suprême.</p>
<p><u>Ingingo ya 22:</u> Ububasha bwerekeye iperereza</p>	<p><u>Article 22:</u> Powers relating to investigation</p>	<p><u>Article 22:</u> Les pouvoirs concernant les enquêtes</p>
<p>Umuvunyi ashobora ubwe gutangiza iperereza</p>		<p>Le Médiateur peut, sur sa propre action, initier une enquête en l'absence d'une plainte et peut</p>

iyi nta kirego gihari kandi ashobora gukomeza iperereza ndetse n'ubwo ikirego cyavanwaho.

The Ombudsman may on his or her own motion initiate an investigation in the absence of a complaint and may continue an investigation even though a complaint has been withdrawn.

continuer cette enquête même si la plainte a été retirée.

Ingingo ya 23: Itohoza ry'ibirego

Umuntu wifuza gutanga ikirego hubahirijwe iri tegeko abikora mu mvugo cyangwa mu nyandiko igenewe Umvunyi.

Ikirego gifite imiterere n'ibikiranga byihariye Umuvunyi ashobora rimwe na rimwe kugena, ariko iyi imiterere ntikwiriye gukerereza anketi cyangwa gushyira umutwaro ku barega, kandi nta kirego gishobora kutemerwa bitewe gusa n'uko urega atakoresheje uburyo bwagenwe.

Article 23: Inquiry into complaints

A person wishing to lodge a complaint under this Law shall do so orally or in writing addressed to the Ombudsman.

A complaint shall be in such form and shall contain such particulars as the Ombudsman may, from time to time, prescribe, but any such form shall not be such as to unreasonably delay an inquiry or place an undue burden upon complainants and no complaint may be rejected on the ground only that the complainant has not used the prescribed form.

Article 23: Enquête sur les plaintes

Une personne souhaitant déposer une plainte en vertu de cette Loi peut le faire verbalement ou par écrit à l'adresse du Médiateur.

Une plainte sera sous une telle forme et contiendra de tels détails que le Médiateur peut de temps en temps définir, mais une telle forme ne devra pas pour autant irraisonnablement retarder l'enquête ou devenir un fardeau injustifié sur les plaignants et aucune plainte ne peut être rejetée simplement par ce que le plaignant n'a pas utilisé la forme approuvée.

Amaze kubona ikirego, Umuvunyi ashobora:

1° guhamagaza amakuru cyangwa raporo yerekeye icyo kirego giturutse mu buyobozi bwa leta cyangwa ku wundi muntu runaka mu gihe gikwiriye nk'uko gishobora guteganywa n'Umuuvunyi;

2° gutangiza iperereza iyi abona ari

Upon receipt of a complaint, the Ombudsman may:

1° call for information or a report regarding such complaint from the public authority or any other body within such reasonable time as may be specified by the Ombudsman:

À la réception d'une plainte, le Médiateur peut:

1° demander une information ou un rapport concernant une telle plainte déposée par le service public ou tout autre organe dans tel raisonnable temps comme pouvoir être indiqué par le Médiateur:

2° initier une enquête qu'il juge nécessaire, compte tenu de la nature de la plainte.

ngombwa, hakurikijwe urwego rw'ikirego. 2° initiate such inquiry as he or she considers necessary, having regard to the nature of the complaint.

Iyo amakuru cyangwa raporo bikenewe bitabonetse mu gihe giteganywa n'Umuvunyi, Umuvunyi ashobora gukora iperereza kuri icyo kirego adafite ayo makuru cyangwa iyo raporo; If the information or report called for is not received within the time stipulated by the Ombudsman, the Ombudsman may proceed to inquire into the complaint without such information or report;

Iyo hamaze gushyikirizwa makuru cyangwa raporo bikenewe, Umuvunyi agasanga ko nta kindi gikorwa gikenewe cyangwa ko igikorwa gikenewe cyatangijwe n'ubuyobozi bwa leta, bityo rero, Umuvunyi abimenyesha mu nyandiko urega kandi nta kindi akora. If on receipt of the information or report called for the Ombudsman is satisfied either that no further action is required or that the required action has been initiated by the public authority, the Ombudsman shall, in writing, inform the complainant accordingly and take no further action.

Ingingo ya 24: Raporo ku miterere y'ibonwariye amakuru

Raporo ngaruka mwaka itangwa n'Umuvunyi imbere y'Inteko Ishinga Amategeko nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga igomba kuba ikubiyemo ibi bikurikira:

- 1° umubare w'ibyifuzo byagejejwe kuri buri buyobozi bwa leta no kuri buri kigo cyigenga cyubahiriza iri tegeko;

Article 24: Report on state of access to information

There shall be included in the annual report submitted by the Ombudsman to Parliament in terms of the Constitution, details on:

- 1° the number of requests made to each public authority and to each private body to which this Law applies;

Si l'information ou le rapport demandé n'est pas reçue dans les délais prescrits par le Médiateur, celui-ci peut procéder à informer sur la plainte une telle information ou rapport ;

Si à la réception de l'information ou du rapport réclamé, le Médiateur est satisfait au point où aucune action n'est nécessaire ou que l'action exigée a été initiée par le service public, le Médiateur en informe le plaignant en conséquence par écrit et ne prend donc aucune autre mesure.

Article 24: Rapport sur la situation d'accès à l'information

Les détails ci-dessous sont inclus dans le rapport annuel soumis au Parlement par le Médiateur, en vertu de la constitution:

- 1° le nombre de demandes adressées à chaque service public et à chaque organe privé en vertu de cette Loi;

- 2° le nombre de décisions auxquelles un

- 2° umubare w'ibyemezo bitahaga ubwasabye amakuru uburenganzira bwo kubona amakuru yasabye cyangwa igice cyayo mu nzego za leta cyangwa mu kigo cyigenga, ingingo z'iri tegeko zakurikijwe hafatwa ibyemezo n'inshuro buri ngingo yavuzwe;
- 2° the number of decisions in which an applicant was not entitled to access any or part of the information requested from each public authority or private body, the provisions of this Law under which the decision was made and the number of times each provision was invoked;
- 3° umubare w'ubujurire bwagejwe ku Muvunyi no ku nkiko kugira ngo bwigweho, ubwoko bw'ibirego n'icyavuye mu bujurire;
- 3° the number of appeals sent to the Ombudsman and the courts for review, the nature of the complaints and the outcome of the appeals;
- 4° impuzandengo y'igihe cyo gusubiza muri buri buyobozi bwa leta cyangwa buri kigo cyigenga, ku Muvunyi no mu nkiko;
- 4° the average response time of each public authority or private body, the Ombudsman and the courts;
- 5° Ibiranga ibyaha runaka byakozwe, ibihano byakatiwe cyangwa icyemezo cyafatiwe umukozi runaka cyangwa ubuyobozi bwa leta kubera imyifatire hakurikijwe imyubahirizwe y'iri tegeko;
- 5° the particulars of any offences committed, penalties imposed or disciplinary action taken against any officer or public authority in respect of the administration of this Law;
- 6° isengura rusange ry'Umuvunyi ku mikorere ya Guverinoma ku biyanye n'imyubahirizwe
- 6° an overall assessment by the Ombudsman of the performance of the demandeur n'était pas autorisé à accéder à une information ou à une partie de celle-ci fournies par chaque service public ou organe privé, les dispositions de cette Loi selon lesquelles la décision avait été prise et le nombre de fois où chaque disposition a été évoquée;
- 3° le nombre de recours envoyés au Médiateur et aux tribunaux pour examen, la nature des plaintes et les résultats des recours ;
- 4° le temps moyen de réponse mis par chaque service public ou organe privé, le Médiateur et les tribunaux;
- 5° les détails de toutes les offenses commises, les sanctions appliquées ou l'action disciplinaire prise contre tout fonctionnaire ou service public en ce qui concerne l'administration de cette Loi;
- 6° une évaluation globale par le Médiateur des performances du gouvernement en ce qui concerne l'administration et l'application du droit d'accéder à l'information pendant la

n'ishyirwa mu bikorwa by'uburenganzira bwo kubona amakuru mu gihe turimo; n'

7° ibyifuzo, niba bihari, by'ivugururwa ry'iri tegeko cyangwa ry'irindi tegeko;

Buri minisiteri cyangwa urwego rwa guverinoma bibishinzwe, mu birebana n'abayobozi ba Leta mu bubasha bwabyo, bikusanya kandi bigatanga amakuru ashyikirizwa Umuvunyi nk'uko akenewe kugirango hategurwe raporo hakurikijwe iyi ngingo, kandi byubahiriza ibisabwa runaka byerekeye imitunganyirize y'ayo makuru no kubika inyandiko kugirango iyi ngingo ishyirwe mu bikorwa.

Ingingo 25: Ubujurire ku Muvunyi

Umuntu uwo ari we wese utabonye icyemezo mu gihe giteganyijwe cyagenwe n'iri tegeko cyangwa wababajwe n'icyemezo cy'umukozi ushinze amakuru ya Leta, ashobora kujuririra Umuvunyi.

Ubujurire ku Muvunyi bushobora gukorwa n'umuntu wese:

Government with regard to the administration and implementation of the right to access to information during the period under review; and

7° recommendations, if any, for the amendment of this Law or any other Law.

Each responsible Ministry or department of Government, in relation to the public authorities within its jurisdiction, shall collect and provide such information to the Ombudsman as is required to prepare the report under this Article, and shall comply with any prescribed requirements concerning the furnishing of that information and the keeping of records for the purposes of this Article.

Article 25: Appeal to the Ombudsman

Any person who does not receive a decision within the time limits specified in this Law or who is aggrieved by a decision of the public information officer may lodge an appeal to the Ombudsman.

An appeal may be made to the Ombudsman by

période sous revue; et

7° les recommandations, le cas échéant, pour l'amendement de cette Loi ou de toute autre Loi.

Chaque Ministère ou département gouvernementaux responsables, par rapport aux services publics dans leurs juridictions, rassemble et fournit une telle information au Médiateur autant qu'il est demandé de préparer le rapport en vertu de cet Article, et se conforme à toutes les conditions prescrites au sujet de la fourniture de cette information et de garder des enregistrements aux fins de ce même Article.

Article 25: Recours au Médiateur

Toute personne qui ne reçoit pas une réponse dans les délais prescrits par cette Loi ou qui est mécontente de la décision de l'agent public d'information peut déposer un recours auprès du Médiateur.

Un recours peut être déposé auprès du Médiateur par toute personne:

1° utashoboye gutanga ikirego ku mukozi ushinzwe amakuru ya Leta byaba bitewe n’uko ntawashyizweho cyangwa idosiye cyangwa ikirego cye kitakiriwe;	any person:	1° who has been unable to submit an application to a public information officer, either because none has yet been appointed or because they refused to accept the person’s application or complaint;	1° qui n’a pas pu soumettre une demande à un agent public d’information, parce qu’il n’a pas encore été nommé ou parce sa demande ou sa plainte a été refusée;
